

# ABARAGWA B'AMASEZERANO, IMBOHE Z'IBYIRINGIRO



Icyigisho cya 9 cyo ku wa 29 Ugushyingo 2025


"Nimuhindukirire igihome gikomeye, mwa mbohe zifite ibyiringiro mwe. Uyu munsi ndahamya yuko nzabashumbusha kabiri" (Zekariya 9:12)

## IMIRYANGO 12 YA ISIRAYELI





Umugabane munini w'igitabo cya Yosuwa, uhereye ku gice cya 13 kugeza ku cya 21, wibanda ku guha Kanani ho gakondo ku miryango ya Isirayeli.

Hagati y'ahavugwa ahantu, abantu, n'imiryango, dushobora kubona igihugu cyari cyaramaze kuba umurage w'Abisirayeli, ariko kandi bakaba bari bataragihīndūra burundu.

Urupfu rwa Yesu rutwiringiza ko ubu twamaze kuragwa igihugu Adamu na Eva bazimije. Nyamara, turacyari "imbohe z'ibyiringiro" byo kugihabwa.

- A Igihugu cyari cyaratakajwe
- B Igihugu Imana itanga
- C Guhīndūra igihugu
- B' Gukomeza impano
- A' Igihugu cyasubijwe bene cyo



# IGIHUGU CYARI CYARATAKAJWE

"Ni cyo cyatumye Uwiteka Imana imwirukana muri ya ngobyi muri Edeni, kugira ngo ahinge ubutaka yavuyemo" (Itangiriro 3:23)



Imana yahaye Adamu na Eva kuba abayobozi b'iyi si (Itangiriro 1:27–28), nuko ibashyira mu ngobyi ya Edeni (Itangiriro 2:8).








Ubwo batumviraga Imana, birukanwe aho hantu (Itangiriro 3:23). Bari batakaje ububasha bwo kuyobora Isi.

Ariko Imana yari ifite umugambi w'uko umuntu azagarurirwa igihugu cyari cyaratakajwe. Mu cyiciro cya mbere, yahaye Aburahamu, Isaka na Yakobo agace gato k'ubutaka: Kanani (Itangiriro 13:14–15).





Buhoro buhoro, uko kugira ubutaka kwajyaga gukwirakwira ku isi yose, uko kumenya Imana kwari kugera ku bantu bose n'amahanga yose (Yesaya 11:9).

Kutumvira kwa Isirayeli kwatumye habaho impinduka mu migambi ya katanga ka mbere. Imana yahagurukije mu mabuye abana ba Aburahamu kugira ngo baragwe amasezerano ye: twebwe (Luka 3:8; Abaheburayo 6:11–12).

# IGIHUGU IMANA ITANGA

"Isi n'ibiyuzuye ni iby'Uwiteka, Isi n'abayibamo." (Zaburi ya 24:1)

Nk'uko Adamu na Eva nta cyo bakoze kugira ngo bahabwe ingobyi ya Edeni, ni ko Aburahamu n'abamukomokaho nta cyo bakoze kugira ngo bahabwe Igihugu cy'Isezerano. Cyari impano y'Imana.

Dushobora kugereranya iyi mpano n'inzu ikodeshwa. Nubwo Abisirayeli bashoboraga gutura i Kanani, ubutaka bwakomeje kuba ubw'Imana (Zaburi ya 24:1).

Nyir'inzu ni we ukurikirana iby'ibisenge, imiyoboro y'amazi, n'ibindi. Mu buryo nk'ubwo, Imana ni Yo yatangaga imvura, ikarinda imyaka, n'ibindi, kugira ngo Abisirayeli babashe kubaho batunganiwe mu gihugu Imana yabahaye.



Nk'uko byari bimeze muri Edeni, hariho "ubukode" bwo "kwishyura": kumvira (Abalewi 20:22). Mu by'ukuri byari ikibazo cy'umubano: gukunda Imana no kwishimira imigisha yayo.



Uko byari ejo, ni ko biri none: ikibazo kiracyari ukwizera (Abaheburayo 11:9–13).


# GUHĪNDŪRA IGIHUGU

"Nuko none iki gihugu ukigabanye ya miryango cyenda n'igice cy'uwa Manase" (Yosuwa 13:7)



Yosuwa amaze kugera mu zabukuru, Imana yamutegetse kugabanya igihugu imiryango ya Isirayeli, harimo n'uturere bari batarahīndūra (Yosuwa 13:1–7).

Igihugu cyari icyabo, ariko bagombaga kugira umwete kugira ngo bakigarurire. Imana ntikora yonyine yiberetse umuntu; ishaka ko dusohoza uruhare rwacu.



Nubwo barwaniye kunesha, ntabwo kunesha kwari ukwabo bwite, ahubwo kwari ukw'Imana (Gutegeka 9:5). Kimwe n'Abisirayeli, ntacyo twakora ngo tubone agakiza, ngo turagwe amasezerano (Abefeso 2:8–9; Abagalatiya 3:29). Ariko se niba bararwanye… twe twakora iki ubu?

Bamaze gukizwa, abaragwa basabwa n'Imana yabo ibintu bibiri: kumvira (Abafilipi 2:12), no gushima (Abaheburayo 12:28).






# GUKOMEZA IMPANO

"Ubutaka ntibukagurwe ngo bukunguranywe, kuko ari jye nyirabwo namwe mukaba abasuhuke bansuhukiyeho" (Abalewi 25:23)







Bamaze guhabwa gakondo, hashyizweho amategeko yihariye agenga imikoreshereze y'ubutaka: umwaka wa karindwi wo kurāza (w'Isabato) n'uwa yubile.

*Umwaka w'Isabato*, wabaga ari nk'ukwaguka kunini kw'Isabato, wahaga ubutaka kuruhuka (Abalewi 25:2–5). Kutubahiriza iri tegeko byabaye imwe mu mpamvu zatumye habaho ubunyage (2 Ngoma 36:20–21).

*Yubile* yasabaga gusubiza ubutaka kuri ba nyirabwo b'ikubitiro, ibyo bigakumira ubusumbane mu bantu (Abalewi 25:10, 23, 40–41).

Mu by'ukuri, iyi ni yo ntego nyamukuru y'Ubutumwa Bwiza: gukuraho itandukaniro riri hagati y'abakungu n'abakene, umukoresha n'umukozi, abanyehirwe n'abaheze inyuma, maze twese tugashyirwa ku rwego rumwe rwo kwemera ko dukeneye mu buryo bwose ubuntu bw'Imana.



# IGIHUGU CYASUBIJWE BENE CYO

"Bazaba mu gihugu nahaye umugaragu wanjye Yakobo, icyo ba sogokuruza bahozemo. Ni cyo bazabamo bo n'abana babo n'abuzukuru babo iteka ryose, kandi Dawidi umugaragu wanjye azaba umwami wabo iteka ryose" (Ezekiyeli 37:25)



Kubera kutumvira kw'Abisirayeli, birukanwe mu gihugu cyabo bajugunywa i Babuloni. Ariko Imana ntiyabaretse.

Yasezeranye kubagarura, ikabaha igihugu iteka ryose, kandi ikīmikira Dawidi kuba umwami wabo (Ezekiyeli 37:25). Ariko Isirayeli ntiyigaruriye icyo gihugu by'iteka ryose, kandi Dawidi yari amaze igihe kirekire atanze. None se ubu buhanuzi busobanura iki?





Aha ni Yesu uvugwa, Umwami nyakuri uganje iteka ryose. Uwo ni We, binyuze mu maraso Ye, utwiringiza gakondo y'iteka ryose.

Ni We ugusohora kw'amasezerano yose (Abaroma 15:8; 2 Abakorinto 1:20). Muri We ni ho tubonera imigisha ubu, ndetse n'umurage twasezeranijwe ahazaza (1 Petero 1:3–4). Vuba aha, tugiye gushinga ibirenge byacu mu Gihugu cy'Isezerano.



“Kubera kutumvira Imana kwabo, Adamu na Eva bari baratakaje Edeni, kandi kubera icyaha, isi yose yaravumwe. Ariko iyo abantu b’Imana bakurikiza amabwiriza yayo, igihugu cyabo cyari kuzongera kurumbuka no kuba cyiza. Imana ubwayo yabahaye amabwiriza ajyanye n’ubutaka, kandi bagombaga gufatanya na Yo mu kubugarurira ubwiza. Bityo, kubwo kugengwa n’Imana, igihugu cyose cyajyaga kuba icyigisho cy’ukuri kw’ibya mwuka. Nk'uko mu kumvira amategeko y’Imana agenga ibyaremwe isi yagombaga kubavubira ubutunzi bwayo, ni ko no mu kumvira amategeko y’Imana atera umudendezo, imitima y’abantu yagombaga kugaragaza imico yayo.”

E.G. White, *Christ's Object Lessons*, p. 289